**IKINYARWANDA II**

**027**

**18/11/2019 8:30 AM -11:30 AM**

REB

Rwanda Education Board

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2019**

**IKIZAMINI: IKINYARWANDA**

**AMASHAMI :**

- **LITERATURE IN ENGLISH – FRENCH – KINYARWANDA (LFK)**
- **LITERATURE IN ENGLISH–KISWAHILI–KINYARWANDA (LKK)**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA ATATU (3h00)**

## AMABWIRIZA

1) Andika amazina yawe na nomero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form" ariko ubujijwe kubyandika ku mpapuro z'inyongera uhabwa bibaye ngombwa.
2) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.

3) Ikizamini kigizwe n'ibibazo makumyabiri na kimwe (21) n'ibice bine by'ingenzi:
   - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 20)**
   - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 17)**
   - **Igice cya gatatu:** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 48)**
   - **Igice cya kane :** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
4) Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
5) Subiza muri make utarondogoye.
6) Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara handi hatari ahabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
7) Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
8) Koresha ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara.**

## Uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere

Iterambere ni irya bose si iry'umuntu umwe, kugira ngo rishoboke, umuryango ari wo ugizwe n'umugabo, umugore n'abana bagomba kubigiramo uruhare. Dore ko abagiye inama Imana ibasanga. Ingero ni nyinshi ariko reka turebe ingero z'imiryango ibiri ituye ku musozi umwe. Uti: «Ibayeho ite? » Umuryango wa Cyubahiro na Kamariza bose bashakanye ari abakene; bavugagwa ko nta cyo bakwigezaho. Bo ariko ntibacika intege kuko bahamyaga ko ibintu ari ibishakwa ntawubivukana. Dore ko bari baramenyaniye mu mahugurwa y'ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere. Aho bahakuye inkunga ntagereranywa y'uburyo bwo kwiteza imbere biturutse ku nguzanyo zitangwa n'ibigo by'imari.

Mu gihe bari bamaze kurushinga, rubanda rwakomeje kubaha inkwenene na bo bati: « Isazi y'ubute ntirya igisebe kandi ngo utayihinganye ntayikira». Ubwo berekeye kuri Banki y'Abaturage gusaba inguzanyo maze barayihabwa. Bwatinze gucya bashoka igishanga, maze si uguhinga karahava! Batera imbuto z'indobanure, ijuru na ryo

rirabakundira. Isarura rya mbere, bishyuye icya kabiri ku nguzanyo banigurira amatungo magufi harimo ingurube n'inkoko. Ibyo byatumye benshi ndetse no mu babahaga inkwenene bibaza uko babakiranye. Ibyo byaterwaga n'uko batari bazi ibanga ryabo ryo kubahana no kugirana inama, igihe cyose bagiye gukora icyo ari cyo cyose.

Nyuma y'umwaka umwe, bibarutse abana babiri; umwe witwa Keza undi yitwa Ishimwe. Abo bana bareranywe urukundo, bahabwa n'ibyangombwa bikenewe nk'indyo yuzuye, imyambaro ikwiye, ubuvuzi nyabwo, amashuri meza. Usibye ibyo, banigishwaga uturimo dutandukanye maze bakura bazi ko akabando k'iminsi ari umurimo. Ntibyatinze batsinda ikizamini cya Leta kuko biganaga ikinyabupfura n'ubuhanga ndetse n'abarimu bakabakunda birambuye. Ibyo bituma abandi bana babareberaho maze na bo biyuha akuya barabigana mu matsinda atandukanye, harimo itsinda ryo kurwanya malariya, iryo kubungabunga ibidukikije n'andi. Bamaze kurangiza amashuri yisumbuye bemerewe kujya kwiga muri kaminuza. Keza akurikirana ibyerekeye ikoranabuhanga na ho Ishimwe we

yakurikiye ibijyanye n'ubuvuzi. Nyamara n'ubwo kwa Cyubahiro na Kamariza hari impundu, kwa Ntambara na Nyiranuma ho hari induru; dore ko babagaho ku bugenge. Uti: "Ese ibyo bishoboka bite ko abantu babana ku bugenge boshye abatagira ubwenge?"

Ntambara na Nyiranuma babanye bifashije mu buryo buringaniye, dore ko bavukaga mu ngo zidasaba umunyu kandi na bo bararangije mu Ishuri Nderabarezi bituma babona akazi ko kwigisha mu mashuri abanza. Ntibyatinze bibarutse ubwa mbere abana b'impanga: Gakuru na Gato. Babareze bibabaje kandi biteye agahinda kuko ntibasibaga kurwana kubera ubusinzi bwa buri munsi. Wasangaga Ntambara na Nyiranuma baramukira mu kabari, biyandikisha ngo bazishyura ukwezi gushize. Ubwo kandi na nyuma y'amasomo, wasangaga utubare twose, ni nde uciye hano ni Runaka, iyo atabaga umugore yabaga umugabo. Guteka byababaga rimwe na rimwe na bwo nijoro, akenshi abana baryamaga batariye maze bwacya bakarwanira mu nkono batabanje no kwikiza ubutuna.

Ku manywa abana babo birirwaga mu ngo za rubanda, rimwe bakabaha ibyo kurya ubundi

bakabibima. Hari ababahaga urw'amenyo babavugiraho ngo: "Ariko ubundi aba ko ari abo kwa mwarimu, turabagaburira utw'abana bacu hanyuma bage kurenzaho amata n'imigati, ubwo si ubucucu?" Nyamara se babibonaga ryari? Ubwo abana bakirirwa bicira isazi mu jisho. Ntibyatinze, basezerewe ku kazi kubera imyitwarire mibi idahwitse haba hanze ndetse no mu kazi (gusiba ku kazi, kudatanga umusaruro, kurwana no gusebanya). Udufaranga tw'imperekeza twabaye intica ntikize. Baturiye nk'abagiye gupfa. Koko rero ntarutamburira imfusha; umunsi umwe hagwa imvura y'amahindu, kubera ko abana babo bari bataye urufunguzo, ikindi kandi no guhora bahahanwa n'abaturanyi, byatumye bajya kwikinga munsi y'igiti cyari ku irembo ry'iwabo.

Muri iyo mvura ni bwo Gato yafatwaga n'umusonga ariko undi ntiyabimenya agira ngo ni ugukina. Uko amasaha yagendaga akura ni na ko yarushagaho kuremba maze atangira kubwira umuvandimwe we ko apfuye. Ubwo Gakuru ahuruza abaturanyi ngo bamujyane kwa muganga. Bamwe bumva umwana bwangu ariko abandi bati: "Tujya kubayegamo ngo kwa muganga se, ababyeyi babo ntibari kunywera iza

yose hirya aha, hari uwo bagurira agacupa?" Bakiri muri izo mpaka, hatunguka Cyubahiro na Kamariza bavuye kubaza ibyerekeye imishingirwe n'imikorere y'amakoperative, babona umwana yarembye maze batumiza ipikipiki bamujyana kwa muganga. Bamugejejeyo, batinze kumwakira kuko nta n'ubwishingizi mu kwivuza bagiraga. Muganga aramusuzuma maze ababwira ko hasigaye akuka gake. Nyuma y'umwanya muke Gato araca.

Inkuru y'inshamugongo ihita ikwira hose ko umwana wa Ntambara na Nyiranuma yitabye Imana. Abantu barababara cyane kubera ko abana bazize uburangare bw'ababyeyi babo dore ko babahamagaye ko abana bari hanze kandi banyagirwa bakabatera utwatsi. Imihango yo gushyingura iba bose bacitsemo igikuba, bashinjaga Ntambara n'umugore we urupfu rw'umwana wabo kuko impanga ye yari yabibasobanuriye. Nyiranuma we amarira yari yose, bamwe bakamuhoza abandi bakamuha inkwenene. Ubwo abahacaga bose bifataga ku munwa.

Nuko ishyingura rirangiye, Cyubahiro yahise asaba ijambo, aravuga ati: "Ibi bikwiye

gusubirwamo, abantu bakibutswa inshingano zabo haba mu ngo ndetse n'ahandi". Ni bwo basabye umuhuzabikorwa w'umurenge gutumiza inama y'ikubagahu ngo bafatire ibintu hafi amazi atararenga inkombe. Muri iyo nama Cyubahiro na Kamariza bahawe umwanya basobanurira abantu ibintu byinshi bamaze kugeraho kuko bari bamaze kubazwa ibanga bakoresha. Banababwiye n'ibyo bateganya kugeraho mu minsi iri imbere ariko kandi ko ibyo byose babigezwaho n'ubwumvikane no kujya inama ku kibazo cyabangamira umuryango. Ibinaniye umwe undi akabikora. Nubwo bari mu bwirabure ntibyatumye abaturage bihanganira kubaha amashyi y'urufaya. Abari aho batahana ingamba nshya cyane cyane ku bibazaga icyo bakora ngo batere imbere. Nyiranuma na Ntambara bahise basaba abaturage bose imbabazi ndetse bazisaba n'Imana, bafata ikemezo cyo gusenyera umugozi umwe. Wumvaga bamwe hirya bavuga ngo: "Harakabaho Cyubahiro na Kamariza"; abandi ngo: "Izina ni ryo muntu!"

## IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 20)

1) Andika imigani y'imigenurano itatu dusanga muri uyu mwandiko. **(amanota 3)**

2) Andika inshoberamahanga ebyiri dusanga muri uyu mwandiko. **(amanota 2)**

3) Iyo bavuga ko "urugo rudasaba umunyu" baba bashaka kuvuga iki? **(inota 1)**

4) Muri uyu mwandiko batubwira ibyerekeye "itsinda ryita ku bidukikije", andika ibintu bibiri iryo tsinda ryaba rishinzwe. **(amanota2)**

5) Erekana ibintu bitatu bigaragaza ko Kamariza na Cyubahiro bareze abana babo neza. **(amanota 3)**

6) Ni irihe banga Kamariza na Cyubahiro bakoresheje abandi batari bazi kugira ngo biteze imbere? **(inota 1)**

7) Bamaze gusezererwa ku kazi, ni iki Ntambara na Nyiranuma bakoresheje amafaranga y'imperekeza? Kuki birukanywe ku kazi bakoraga? **(amanota 2)**

8) Wifashishije ubumenyi bwawe bwite, tanga ingero ebyiri zigaragaza ko umugore yari afite uruhare rukomeye mu butegetsi bwo mu Rwanda rwa mbere y'ubukoroni ndetse no mu muryango nyarwanda muri rusange.

**(amanota 2)**

9) Tanga urugero rw'imigani ibiri y'imigenurano yerekana umumaro w'umugore mu muryango nyarwanda. **(amanota 2)**

10) Wifashishije ingero ebyiri erekana aho umutwe w'uyu mwandiko uhuriye n'ibiwuvugwamo. **(amanota 2)**

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO

**(amanota 17)**

11) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo : **(amanota 5)**

a) Iterambere <u>ni</u> irya <u>bose</u> si iry'umuntu umwe.

b) Cyubahiro <u>na</u> Kamariza bari bafite imirima <u>yo</u> guhinga imeze <u>neza</u>.

12) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi (mu mpine) yubahirijwe ku magambo aciyeho umurongo: **(amanota 8)**

a) Abana bo kwa Ntambara bakuze ari abanyenzara kandi iwabo bishoboye.

b) Nuko umupfakazi abibonye biramubabaza cyane atangira kurira.

c) N'ubwo Ntambara na Nyiranuma bari abarimu ntibyababujijwe kugawa n'abaturanyi kubera imyitwarire yabo.

d) Bose bavugira icyarimwe bati: "Uwo muriro mureke watswe na Rugaju".

13) Hanga interuro ngufi kuri buri bwoko muri ibi ibikurikira : **(amanota 4)**

a) Izina ntera
b) Ikegeranshinga
c) Ikinyazina mboneranteko
d) Inyiganarusaku (inyigana)

## IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 48)

14) Tandukanya ibi bikurikira : **(amanota 10)**

a) Ubuvanganzo nyemvugo nyabami n'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda utanga ingero kuri buri ngeri
b) Ikiganiro mpaka n'imbwirwaruhame
c) Ibisigo by'ibyanzu n'ibisigo by'impakanizi
d) Ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato
e) Ururimi rw'igihugu n'ururimi rw'ubutegetsi utanga urugero ku Gihugu cyacu.

15) Tanga urugero rw'igisigo kuri buri musizi **(amanota 5)**

a) Nyirarumaga
b) Mazimpaka
c) Bagorozi
d) Nyabiguma
e) Karimunda

16) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwe sakwe! **(amanota 5)**

a) Hakurya ni umukoki (umukoke), hakuno ni umukoki (umukoke)!

b) Inka yange nyizirika ku nzira uyinyuzeho wese akayishitura!
c) Gakore bakwice!
d) Biteganye bitazahura!
e) Nagutera ikigira izina ntikigire ibara!

17) Sobanura amagambo akurikira arebana n'amazina y'inka: **(amanota 5)**
a) Umutahira
b) Amabanga cyangwa amahindura
c) Ibihamagaro
d) Amazina y'inka
e) Inshutso

18) Ubutinde n'amasaku : **(amanota 11)**
a)Tandukanya amagambo yandikwa kimwe ari mu nteruro ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso.
- Gatarayiha ni umukungu nka Mirenge ku Ntenyo. Abakozi bo mu mirenge bahura n'abaturage kenshi.
- Burya koko umuntu yishima aho yishyikira. Umuntu yishima ate ari mu bibazo?
- Kagabo afite umwishywa we utuye mu Gacyamo. Mu bukwe bwo hambere habagamo umuhango wo gupfundura umwishywa.

b) Andika iyi nteruro ikurikira ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso:

Batera imbuto z'indobanure, ijuru na ryo rirabakundira, barahinga bareza.

19) Kosora interuro zikurikira aho zanditse nabi: **(amanota 4)**

a) Mufatanye babiri babiri kugirango byihute.

b) Intara y'Amagepfo iherereye mu majyepfo yu Rwanda.

c) M'ugushyingo nzaba ntakimeze nka mwe ahubwo nzaba meze nkabo.

20) Ururimi n'ubwumvane. **(amanota 8)**

a) Garagaza ibyiza bibiri (2) n'ingorane ebyiri (2) by'ubwumvane nyandiko.

b) Umuntu urimo kwandikirana n'undi kuri "Facebook" akoresha ubuhe bwumvane? Sobanura igisubizo cyawe.

c) Sobanura umumaro nzira icyo ari cyo unatange urugero rwawo.

## IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

21) Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyandikeho ukurikije ibisabwa :

**Ikitonderwa** :

- Nuramuka wanditse ku nsanganyamatsiko zirenze imwe, zombi zizaba imfabusa.
- Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose kuri iki kibazo k'ihangamwandiko.

a) Andika imbwirwaruhame igenewe abitabiriye ibirori byo gutanga ibihembo ku banyeshuri batsinze irushanwa ryo kwandika mu rwego rw'akarere. Wandike mu izina ry'umunyeshuri uhagarariye abandi banyeshuri batsinze irushanwa. Uzirikane ko ibyo birori byari byitabiriwe n'abayobozi bose bo muri ako karere, ababyeyi b'abanyeshuri batsinze n'abanyeshuri batsinze irushanwa. Ntuge munsi y'imirongo mirongo itatu n'itanu (35).

b) Hanga umwandiko muremure utari munsi y'imirongo mirongo itatu (30) ku nsanganyamatsiko ikurikira : **«Ibyiza byo kwibumbira mu mashyirahamwe»** ugaragaze ingingo enye zishyigikira ibitekerezo byawe.

**BLANK PAGE**